



Umwaka wa 63
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 06/06/2024

Year 63
Official Gazette n° Special of
06/06/2024

63^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
06/06/2024

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Iteka rya Minisitiri w'intebe/ Prime Minister's Order/ Arrêté du Premier Ministre

Iteka rya Minisitiri w'intebe n° 024/03 ryo ku wa 06/06/2024 rigena intego, inshingano n'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo bya Minisitiri y'Ingabo 2

Prime Minister's Order n° 024/03 of 06/06/2024 determining mission, responsibilities and organisational structure of the Ministry of Defence 2

Arrêté du Premier Ministre n° 024/03 du 06/06/2024 déterminant la mission, les attributions et la structure organisationnelle du Ministère de la Défense 2

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 024/03 RYO KU WA 06/06/2024 RIGENA INTEGO, INSHINGANO N'IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO BYA MINISITERI Y'INGABO</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 024/03 OF 06/06/2024 DETERMINING MISSION, RESPONSIBILITIES AND ORGANISATIONAL STRUCTURE OF THE MINISTRY OF DEFENCE</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 024/03 DU 06/06/2024 DÉTERMINANT LA MISSION, LES ATTRIBUTIONS ET LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE DU MINISTÈRE DE LA DÉFENSE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p>	<p><u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Intego</p>	<p><u>Article 2:</u> Mission</p>	<p><u>Article 2 :</u> Mission</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Inshingano</p>	<p><u>Article 3:</u> Responsibilities</p>	<p><u>Article 3 :</u> Attributions</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo</p>	<p><u>Article 4:</u> Organisational structure</p>	<p><u>Article 4 :</u> Structure organisationnelle</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi</p>	<p><u>Article 5:</u> Salaries and fringe benefits for employees</p>	<p><u>Article 5 :</u> Salaires et avantages alloués au personnel</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p>	<p><u>Article 6:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p>	<p><u>Article 6 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Ingingo y'ururimi</p>	<p><u>Article 7:</u> Language provision</p>	<p><u>Article 7 :</u> Disposition linguistique</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Ingingo ivanaho</p>	<p><u>Article 8:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 8 :</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Gutangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 9:</u> Entry into force</p>	<p><u>Article 9 :</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 024/03 RYO KU WA 06/06/2024 RIGENA INTEGO, INSHINGANO N'IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO BYA MINISITERI Y'INGABO</p> <p>Minisitiri w'Intebe;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 119;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 77/03 ryo ku wa 14/06/2019 rigena intego, inshingano, imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Minisiteri y'Ingabo;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 03/04/2024 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 024/03 OF 06/06/2024 DETERMINING MISSION, RESPONSIBILITIES AND ORGANISATIONAL STRUCTURE OF THE MINISTRY OF DEFENCE</p> <p>The Prime Minister;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 119;</p> <p>Having reviewed Prime Minister's Order n° 77/03 of 14/06/2019 determining mission, responsibilities, organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Defence;</p> <p>On proposal by the Minister of Public Service and Labour;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 03/04/2024;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 024/03 DU 06/06/2024 DÉTERMINANT LA MISSION, LES ATTRIBUTIONS ET LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE DU MINISTÈRE DE LA DÉFENSE</p> <p>Le Premier Ministre ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 119 ;</p> <p>Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 77/03 du 14/06/2019 portant mission, attributions, structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Ministère de la Défense ;</p> <p>Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 03/04/2024 ;</p> <p>ARRÊTE:</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena intego, inshingano n’imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo bya Minisiteri y’Ingabo.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Intego</u></p> <p>Intego ya Minisiteri y’Ingabo ni ukwita ku busugire no ku kurinda Igihugu hagamijwe kurengera inyungu z’u Rwanda, ubutavogerwa bw’imbibi zarwo no kurinda imitungo y’ingenzi y’abaturage n’indangagaciro z’Igihugu.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Inshingano</u></p> <p>Minisiteri y’Ingabo ifite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) gutegura, kumenyekanisha, no guhuza ishyirwa mu bikorwa rya politiki, ingamba na gahunda byo kurinda Igihugu binyuze mu –</p> <p>(i) gutegura politiki ikwiye yo kurinda Igihugu y’igihe giciriritse n’iy’igihe kirekire;</p> <p>(ii) gusesengura no gushyiraho</p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines mission, responsibilities and organisational structure of the Ministry of Defence.</p> <p><u>Article 2: Mission</u></p> <p>The mission of the Ministry of Defence is to ensure the sovereignty and defence of the country for protecting Rwanda’s interests, territorial integrity, and protecting vital resources of the population and national values.</p> <p><u>Article 3: Responsibilities</u></p> <p>The Ministry of Defence has the following responsibilities:</p> <p>(a) to develop, to disseminate, and to coordinate the implementation of policies, strategies and programs for national defence through –</p> <p>(i) developing prospective strategic policy for medium and long term national defence;</p> <p>(ii) analysing and formulating</p>	<p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine la mission, les attributions et la structure organisationnelle du Ministère de la Défense.</p> <p><u>Article 2 : Mission</u></p> <p>La mission du Ministère de la Défense est d’assurer la souveraineté et la défense du pays en vue de protéger les intérêts du Rwanda et son intégrité territoriale, et protéger les ressources essentielles de la population et les valeurs nationales.</p> <p><u>Article 3 : Attributions</u></p> <p>Le Ministère de la Défense a les attributions suivantes :</p> <p>(a) développer, diffuser, et coordonner la mise en oeuvre des politiques, des stratégies et des programmes pour la défense nationale à travers –</p> <p>(i) l’élaboration de la politique stratégique prospective de la défense nationale à moyen et à long terme ;</p> <p>(ii) l’analyse et la formulation des</p>
--	---	---

<p>politiki n'ingamba byo kurinda Igihugu;</p> <p>(iii)gushyiraho politiki n'ingamba byo kongera ubushobozi no kugaragaza ahari icyuho mu bushobozi budahagije mu bijyanye no kurinda Igihugu;</p> <p>(iv)gutegura ibibazo byihariye by'umwaka birebana no kurinda Igihugu no gushyiraho gahunda zinyuranye zo kurinda Igihugu;</p> <p>(v) guhuriza hamwe gahunda z'ibikorwa na raporo bya Minisiteri y'Ingabo, iby'Ingabo z'Igihugu n'iby'izindi nzego zibishamikiyeho;</p> <p>(vi)gukorana n'izindi nzego z'Igihugu zishinzwe umutekano mu rwego rwo guhuriza hamwe ibibazo birebana n'umutekano;</p> <p>(vii) gutanga umurongo ngenderwaho usobanutse</p>	<p>national defence policies and strategies;</p> <p>(iii)formulating capacity building policies and strategies and identifying capacity gaps in national defence;</p> <p>(iv)preparing annual national defence strategic issues and elaboration of various national defence plans;</p> <p>(v) consolidating plans of action and reports of the Ministry of Defense, Rwanda Defence Force and other affiliated agencies;</p> <p>(vi) collaborating with other national organs in charge of security in order to align security issues;</p> <p>(vii) providing clear and timely strategic guidance in conflict</p>	<p>politiques et des stratégies de la défense nationale ;</p> <p>(iii) la formulation des politiques et des stratégies de renforcement des capacités et l'identification des lacunes en matière de capacité dans le domaine de la défense nationale ;</p> <p>(iv) la préparation des questions stratégiques annuelles de la défense nationale et l'élaboration des divers plans de défense nationale ;</p> <p>(v) la consolidation des plans d'actions et des rapports du Ministère de la Défense, des Forces Rwandaises de Défense et des autres agences affiliées ;</p> <p>(vi) la collaboration avec d'autres organes nationaux ayant la sécurité dans leurs attributions afin d'aligner les questions de la sécurité ;</p> <p>(vii) la fourniture d'une orientation claire et à temps</p>
--	--	---

<p>kandi ku gihe mu rwego rwo gukumira amakimbirane, gucunga imidugararo, ibikorwa byo gushyigikira amahoro no kurwanya iterabwoba;</p> <p>(viii) gushyiraho uburyo inyungu z’ingenzi z’Igihugu zirindwa cyane cyane mu gihe bisaba kwifashisha ingufu za gisirikari no kugira inama Leta aho bikenewe;</p> <p>(b) gushyiraho amategeko n’uburyo bw’imiyoborere bya ngombwa binyuze mu –</p> <p>(i) gutegura inyandiko z’amategeko, amasezerano y’ubufatanye n’andi masezerano;</p> <p>(ii) gushyiraho no kumenyekanisha amabwiriza n’imirongo ngenderwaho bijyanye no gucunga ibikorwa n’imikorere mu Ngabo z’u Rwanda no mu</p>	<p>prevention, crisis management, peace support operations and combating terrorism;</p> <p>(viii) putting in place strategies of protecting national strategic interests especially when it involves the use of the defence forces and advising the Government where necessary;</p> <p>(b) to put in place necessary administrative and legal instruments through –</p> <p>(i) preparing legal instruments, Memorandum of Understanding and other contracts;</p> <p>(ii) developing and disseminating instructions and guidelines regarding management of activities and the working process in Rwanda Defence Force</p>	<p>sur la prévention des conflits, la gestion des crises, les opérations de maintien de la paix et la lutte contre le terrorisme ;</p> <p>(viii) l’élaboration des mesures de la défense des intérêts stratégiques de la nation en particulier lorsqu’il implique le recours aux forces de défense et la fourniture de conseils au Gouvernement, le cas échéant ;</p> <p>(b) mettre en place des instruments juridiques et administratifs nécessaires à travers –</p> <p>(i) l’élaboration des instruments juridiques, des protocoles d’entente et d’autres contrats ;</p> <p>(ii) le développement et la diffusion des instructions et des directives concernant la gestion des activités et le processus de fonctionnement dans les Forces Rwandaises de</p>
---	--	--

<p>zindi nzego Ministeri y'Ingabo ireberera;</p> <p>(iii)gushyiraho ibipimo ngenderwaho bisabwa n'ibyangombwa bisabwa bikoreshwa mu rwego rw'ingabo;</p> <p>(c) guteza imbere ubushobozi bw'urwego n'ubw'abakozi mu rwego rwa gisirikare ibinyujije mu –</p> <p>(i) gushaka no guhugura abakozi;</p> <p>(ii) kugenzura ko amategeko n'amabwiriza agenga kurinda Igihugu ajyanye n'igihe;</p> <p>(iii)guteza imbere imicungire y'ubushobozi n'ubunyamwuga by'abakozi;</p> <p>(d) guhuza no kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya politiki, ingamba, igenamigambi na gahunda byo kurinda Igihugu ibinyujije mu –</p> <p>(i) gukurikirana ishyirwa mu</p>	<p>and other organs under the supervision of the Ministry of Defence;</p> <p>(iii)establishment of standards and quality norms applicable to the military sector;</p> <p>(c) to develop institutional and human resources capacity in the military sector through –</p> <p>(i) recruitment and training of the staff;</p> <p>(ii) ensuring that legal and regulatory texts governing the national defence are updated;</p> <p>(iii)development of staff capacity and career management;</p> <p>(d) to coordinate and assess the implementation of national defence policies, strategies, plans and programs through –</p> <p>(i) following up the</p>	<p>Défense et dans d'autres organes placés sous la tutelle du Ministère de la Défense ;</p> <p>(iii)la mise en place des règles et des normes de qualité applicables dans le secteur militaire ;</p> <p>(c) développer les capacités des ressources institutionnelles et humaines dans le secteur militaire en assurant –</p> <p>(i) le recrutement et la formation du personnel ;</p> <p>(ii) la mise à jour des textes légaux et réglementaires régissant la défense nationale ;</p> <p>(iii) le développement de la gestion de la capacité et de la carrière du personnel ;</p> <p>(d) coordonner et évaluer la mise en oeuvre des politiques, des stratégies, des plans et des programmes de la défense nationale à travers –</p> <p>(i) le suivi de la mise en</p>
--	---	---

<p>bikorwa ry'amategeko n'amabwiriza;</p> <p>(ii) guhuza imibare na raporo bishyikirizwa Minisiteri y'Ingabo;</p> <p>(iii) gusesengura no gusobanura imibare no kumenyekanisha amakuru ajyanye n'ibarurishamibare ku bayobozi bashinzwe gufata ibyemezo;</p> <p>(iv) guhuza n'igihe no kongerera ubushobozi ububiko bw'amakuru bwa Minisiteri y'Ingabo;</p> <p>(v) gushyiraho uburyo bunoze bwo gukurikirana no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga, igenamigambi na gahunda mu birena no kurinda Igihugu;</p> <p>(vi) kugenzura ubuziranenge bw'ibikorwa remezo byakozwe n'Ingabo z'u Rwanda cyangwa</p>	<p>implementation of laws and regulations;</p> <p>(ii) consolidating data and reports handed to the Ministry of Defence;</p> <p>(iii) analysing and interpreting data and dissemination of statistical information to decision-making authorities;</p> <p>(iv) updating and upgrading the database of the Ministry of Defense;</p> <p>(v) establishing an effective monitoring and evaluation system of the implementation of national defence projects, plans and programs;</p> <p>(vi) supervising the quality of the infrastructure realised by Rwanda Defence Force or its stakeholders; and</p>	<p>application des lois et des règlements ;</p> <p>(ii) la consolidation des données et des rapports soumis au Ministère de la Défense ;</p> <p>(iii) l'analyse et l'interprétation des données et la diffusion des informations statistiques aux autorités décisionnelles ;</p> <p>(iv) la mise à jour et la mise à niveau de la base des données du Ministère de la Défense ;</p> <p>(v) la mise en place d'un système efficace de suivi et d'évaluation de la mise en oeuvre des projets, des plans et des programmes de la défense nationale ;</p> <p>(vi) la supervision de la qualité des infrastructures réalisées par les Forces Rwandaises de Défense ou</p>
--	--	---

<p>abafatanyabikorwa bazo;</p> <p>(vii) no gutanga raporo ihoraho mu Nama y'Abaminisitiri ku mpinduka zizanwa na politiki, igenamigambi na gahunda hashingiwe kuri Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere, ku Cyerekezo 2050 no ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri;</p> <p>(e) kugenzura inzego ireberera ibinyujije mu –</p> <p>(i) gutanga icyerekezo kuri porogaramu zihariye zakozwe n'inzego ireberera;</p> <p>(ii) no kugenzura imikorere no gucunga imikoranire myiza y'inzego ireberera kugira ngo zitange umusaruro no mu rwego rwo gukemura ibibazo bisaba umusanzu w'inzego zitandukanye;</p> <p>(f) kwegeranya ibikenewe mu iterambere ry'urwego rwo kurinda Igihugu na gahunda bifitanye isano</p>	<p>(vii) reporting regularly to the Cabinet on the impact of policies, plans and programs in relation to the National Strategy for Transformation, Vision 2050 and resolutions of the Cabinet;</p> <p>(e) to oversee the organs under its supervision by –</p> <p>(i) providing orientation on specific programs realized by the organs under its supervision; and</p> <p>(ii) overseeing the functioning of the organs under its supervision and managing constructive relationships within them to ensure cost-effectiveness and address cross-cutting issues;</p> <p>(f) to mobilise resources for the development of the national defence sector and related programs through –</p>	<p>leurs partenaires ; et</p> <p>(vii) la soumission régulière de rapports au Conseil des Ministres de l'impact des politiques, des plans et des programmes par rapport à la Stratégie Nationale de Transformation, à la Vision 2050 et aux résolutions du Conseil des Ministres ;</p> <p>(e) surveiller les organes sous sa tutelle –</p> <p>(i) en donnant l'orientation sur des programmes spécifiques réalisés par les organes sous sa tutelle ; et</p> <p>(ii) en surveillant le fonctionnement et en gérant des relations constructives entre les organes placés sous sa tutelle afin de garantir le rapport coût-efficacité et de résoudre les questions intersectorielles ;</p> <p>(f) mobiliser des ressources pour le développement du secteur de la défense nationale et des programmes</p>
--	---	--

<p>ibinyujije mu –</p> <p>(i) gushaka no gutanga ibikenewe no kugenzura ibikorwa hagamijwe kureba ko bikoreshwa neza mu gisirikare;</p> <p>(ii) no kugena ibikenewe kugira ngo ibikorwa byo kurinda Igihugu n’ibikorwa by’ubutabazi mu Gihugu bikorwe;</p> <p>(g) guteza imbere ubutwererane mu bya gisirikare n’ibindi bihugu cyangwa imiryango yo kwirinda hagamijwe kubungabunga amahoro n’umutekano ibinyujije mu –</p> <p>(i) gushaka, gutangiza no gukurikirana imishinga y’ubufatanye mu kurinda Igihugu;</p> <p>(ii) gusesengura no gukurikirana ibikorwa byo kubungabunga amahoro harimo n’iby u Rwanda rudafitemo uruhare;</p> <p>(iii) guhuza ibikorwa</p>	<p>(i) searching for and providing resources and supervising actions to ensure their rational utilisation in the military sector; and</p> <p>(ii) making available the necessary resources to fulfil national defence activities and emergency operations in the country;</p> <p>(g) to promote military cooperation with other countries or defence organisations for the maintenance of peace and security through –</p> <p>(i) searching for, initiating and following up projects of bilateral and multilateral national defence cooperation;</p> <p>(ii) analysing and following up the peacekeeping operations including those that Rwanda is not involved in;</p> <p>(iii) coordinating activities of</p>	<p>y relatifs à travers –</p> <p>(i) la recherche et la mise à disposition des ressources et la supervision des actions pour assurer leur utilisation rationnelle dans le secteur militaire ; et</p> <p>(ii) la mise à disposition des ressources nécessaires pour mener à bien les activités de la défense nationale et les opérations de secours dans le pays ;</p> <p>(g) promouvoir la coopération militaire avec d’autres pays ou organisations de défense pour le maintien de la paix et de la sécurité à travers –</p> <p>(i) la recherche, l’initiation et le suivi des projets de coopération bilatérale et multilatérale de la défense nationale ;</p> <p>(ii) l’analyse et le suivi des opérations de maintien de la paix y compris ceux dans lesquels le Rwanda n’est pas impliqué ;</p> <p>(iii) la coordination des activités des</p>
---	--	---

<p>by'abahagarariye inyungu za gisirikare mu bihugu by'amahanga;</p> <p>(iv)gukurikirana ishyirwa ry'umukono ku masezerano mpuzamahanga n'amasezerano y'ubufatanye afite aho ahuriye no kurinda Igihugu, iyemezwa burundu n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo;</p> <p>(v) no guhuza no kumenyesha Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano ibijyanye n'ubutwererane mu kwirinda;</p> <p>(h) gutanga uruhushya rwo kohereza intwaro, amasasu n'ikoranabuhanga rijyanye na byo mu mahanga, bimaze kwemezwa na Perezida wa Repubulika akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda;</p> <p>(i) kugenzura neza iyoherezwa mu mahanga ry'intwaro, amasasu n'ikoranabuhanga rijyanye na byo.</p>	<p>defence attachés accredited to foreign countries;</p> <p>(iv)following up the signing, ratification and implementation of treaties, conventions, protocols, agreements and memorandum of understanding that have a bearing on national defence; and</p> <p>(v) coordinating and liaising with the Ministry in charge of foreign affairs on matters of defence cooperation;</p> <p>(h) to issue licences for export of weapons, ammunitions and the related technologies after authorization by the President of the Republic and Commander-in-Chief of Rwanda Defence Force;</p> <p>(i) to ensure effective export control of weapons, ammunitions and the related technologies.</p>	<p>attachés militaires accrédités auprès de pays étrangers ;</p> <p>(iv)le suivi de la signature, de la ratification et de la mise en œuvre des traités, des conventions, des protocoles, des accords et des protocoles d'attente en rapport avec la défense nationale ; et</p> <p>(v) la coordination et la liaison avec le Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions en matière de la coopération de défense ;</p> <p>(h) délivrer les licences d'exportation d'armes, de munitions et de technologies connexes après autorisation du Président de la République et Commandant Suprême des Forces de Défense Rwandaises ;</p> <p>(i) assurer le contrôle efficace des exportations d'armes, de munitions et de technologies associées.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 4: Imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo</u></p> <p>Imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo ya Minisitiri y’Ingabo iri ku mugereka w’iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Imishahara n’ibindi bigenerwa abakozi</u></p> <p>Imishahara n’ibindi bigenerwa abakozi ba Ministeri y’Ingabo biri mu mbonerahamwe y’imishahara yemejwe n’Inama y’Abaminisitiri yateranye ku wa 03/04/2024 iboneka muri Minisitiri ifite abakozi ba Leta mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></p> <p>Minisitiri w’Abakozi ba Leta n’Umurimo, Minisitiri w’Ingabo na Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Ingingo y’ururimi</u></p> <p>Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p>	<p><u>Article 4: Organisational structure</u></p> <p>The organisational structure of the Ministry of Defence is in Annex to this Order.</p> <p><u>Article 5: Salaries and fringe benefits for employees</u></p> <p>Salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Defence are contained in the salary structure approved by the Cabinet, in its meeting of 03/04/2024, and available in the Ministry in charge of public service.</p> <p><u>Article 6: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></p> <p>The Minister of Public Service and Labour, The Minister of Defence and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><u>Article 7: Language provision</u></p> <p>This Order was drafted in Ikinyarwanda.</p>	<p><u>Article 4 : Structure organisationnelle</u></p> <p>La structure organisationnelle du Ministère de la Défense est en annexe au présent arrêté.</p> <p><u>Article 5 : Salaires et avantages alloués au personnel</u></p> <p>Les salaires et les avantages alloués au personnel du Ministère de la Défense sont indiqués dans la structure salariale approuvée par le Conseil des Ministres, en sa séance du 03/04/2024, et disponible au Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions.</p> <p><u>Article 6 : Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté</u></p> <p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de la Défense, le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l’exécution du présent arrêté.</p> <p><u>Article 7 : Disposition linguistique</u></p> <p>Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 8: Ingingo ivanaho</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri w’Intebe n° 77/03 ryo ku wa 14/06/2019 rigena intego inshingano, imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo, imishahara n’ibindi bigenerwa abakozi ba Minisiteri y’Ingabo rivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><u>Article 8: Repealing provision</u></p> <p>Prime Minister’s Order n° 77/03 of 14/06/2019 determining mission, responsibilities, organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Defence is repealed.</p> <p><u>Article 9: Entry into force</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 8 : Disposition abrogatoire</u></p> <p>L’Arrêté du Premier Ministre n° 77/03 du 14/06/2019 portant mission, attributions, structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Ministère de la Défense est abrogé.</p> <p><u>Article 9 : Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	--	--

Kigali, 06/06/2024

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

Assoc. Prof. BAYISENGE Jeannette

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Minister of Public Service and Labour

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel


Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p>UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 024/03 RYO KU WA 06/06/2024 RIGENA INTEGO, INSHINGANO N'IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO BYA MINISITERI Y'INGABO</p>	<p>ANNEX TO PRIME MINISTER'S ORDER N° 024/03 OF 06/06/2024 DETERMINING MISSION, RESPONSIBILITIES AND ORGANISATIONAL STRUCTURE OF THE MINISTRY OF DEFENCE</p>	<p>ANNEXE À L'ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 024/03 DU 06/06/2024 DÉTERMINANT LA MISSION, LES ATTRIBUTIONS ET LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE DU MINISTÈRE DE LA DÉFENSE</p>
<p>IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO YA MINISITERI Y'INGABO</p>	<p>ORGANISATIONAL STRUCTURE OF THE MINISTRY OF DEFENCE</p>	<p>STRUCTURE ORGANISATIONNELLE DU MINISTÈRE DE LA DÉFENSE</p>

ORGANISATIONAL STRUCTURE OF THE MINISTRY OF DEFENCE



Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 024/03 ryo ku wa 06/06/2024 rigena intego, inshingano n'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo bya Minisiteri y'Ingabo	Seen to be annexed to Prime Minister's Order n° 024/03 of 06/06/2024 determining mission, responsibilities, and organisational structure of the Ministry of Defence	Vu pour être annexé à l'Arrête du Premier Ministre n° 024/03 du 06/06/2024 déterminant la mission, les attributions et la structure organisationnelle du Ministère de la Défense
---	--	---

Kigali, 06/06/2024

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

(sé)

Assoc. Prof. BAYISENGE Jeannette

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
Minister of Public Service and Labour
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux